RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

## 2023 Taliki 14-20 Werurwe




## P1. U Rwanda rwakiriye Kongere ya 73 ya FIFA

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y’u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n’iby’abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y’Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by’umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n’ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y’u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 U Rwanda rwakiriye Kongere ya 73 ya FIFA

P2 Perezida Kagame n'Umwami wa Maroc bahembewe guteza imbere umupira w'amaguru

P3 **Football :** FIFA yatangije gahunda y'umupira w'amaguru mu mashuri mu Rwanda

P4 Perezida Kagame na Infantino bafunguye ku mugaragaro Kigali Pele Stadium

P5 Madamu Jeannette Kagame yasuye ishuri ry'umupira w'amaguru rya Jimmy Mulisa

P5 **Badminton :** Hatangijwe ku mugaragaro ibikorwa bya RBSF

P6 **Amputee Football :** Hatangijwe gahunda yo guteza imbere uyu mukino mu cyiciro cy'abagore

P7 Hatangajwe ba kapiteni b'amakipe azakina igikombe cy'Isi cy'abakanyujijeho

P8 **Basketball :** REG BBC iri mu makipe 4 azakina imikino ya nyuma ya BAL 2023

P8 **Volleyball :** Zawadi yatorewe kuba Visi Perezida wa FRVB

P9 **Cricket :** Challengers CC yatangiye neza irushanwa "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023"

P10 **Beach Tennis :** Muhire na Habimana bitabiriye irushanwa mpuzamahanga muri Kenya

# U Rwanda rwakiriye Kongere ya 73 ya FIFA

Taliki 16 Werurwe 2023, u Rwanda rwakiriye inama y'inteko rusange y'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ku Isi "FIFA".

Iyi nama "FIFA Congress" yabereye muri BK Arena yitabiriwe n'abanyamuryango 208 muri 211 babarizwa muri FIFA. Abanyamuryango batabonetse ni Zimbabwe na Sri Lanka bahagaritswe na Koreya ya Ruguru itaritabiriye.

Iyi ni inshuro ya 4 Kongere ya FIFA ibereye muri Afurika, muri 2005 yabereye muri Maroc, muri 2010 ibera muri South Africa (2010) naho muri 2013 ibera muri Mauritius.

Iyi Kongere ya 73 ya FIFA yabereyemo amatora aho Gianni Infantino wagiye ku buyobozi muri 2016 yongeye gutorerwa manda y'imyaka 4 izagera muri 2027. Akaba ari ubwa mbere amatora ya Perezida wa FIFA abereye muri Afurika.

Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame ni umwe mu bitabiriye itangizwe na Kongere ya 73 ya  FIFA.

Imwe mu myanzuro yafatiwe muri iyi Kongere harimo gushyira imbaraga mu mupira w'amaguru mu cyiciro cy'abagore. Hemejwe ko kandi buri mwaka hazajya haba igikombe cy'Isi mu batarengeje imyaka 17 mu bahungu n'abakobwa.

Kongere ya 74 ya FIFA biteganyijwe ko izaba taliki 17 Gicurasi 2024 gusa aho izabera ntiharemezwa.









# Perezida Kagame n'Umwami wa Maroc bahembewe guteza imbere umupira w'amaguru




Taliki 14 Werurwe 2023, Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame n'Umwami wa Maroc, Mohammed VI bahawe igihembo cy'indashyikirwa mu guteza imbere umupira w'amaguru ku mugabane w'Afurika.

Uyu muhango wabereye muri Serena Hotel witabirwa n'abayobozi barimo Perezida w'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ku Isi "FIFA", Gianni Infantino, Dr. Patrice Motsepe uyobora ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru muri Afurika "CAF".

Perezida wa FIFA, Gianni Infantino na Perezida wa CAF, Dr. Patrice Motsepe ni bo bashyikirije Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame igihembo mu gihe Minisitiri w'Uburezi na Siporo muri Maroc, Chakib Ben Moussa ari nawe washyikirijwe igihembo cyagenewe Umwami wa Maroc, Mohammed VI.





# **Football :** FIFA yatangije gahunda y'umupira w'amaguru mu mashuri mu Rwanda

Taliki ya 14 Werurwe 2023, ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ku Isi "FIFA" ryatangije mu Rwanda gahunda yo guteza imbere umupira mu mashuri "FIFA's Football for Schools programme".

Iyi gahunda yatangirijwe kuri Sitade ya IPRC Kicukiro yitabiriwe n'abana basaga 100 bari hagati y'imyaka 6 na 12 bo muri GS Kicukiro.

Umunyamabanga Mukuru wa FIFA, Fatma Samoura, Minisitiri wa Siporo, Munyangaju Aurore Mimosa, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye, Twagirayezu Gaspard n'abandi bayobozi muri FIFA ni bo batangije ku mugaragaro iyi gahunda.

Hari kandi n'abanyabigwi mu mupira w'amaguru nka Youri Djorkaeff, Houssine Kharja, Amanda Dlamini na  Herita Ilunga.

Iyi gahunda yemejwe mu nama ya Komite nyobozi ya FIFA "FIFA Council" yabereye mu Rwanda muri 2018. Kuri uyu iyi gahunda imaze gutangizwe mu bihugu 50 ku Isi, u Rwanda rukaba ari igihugu cya 14 iyi gahunda itangijwemo muri Afurika.

Muri iyi gahunda, FIFA ifite intego yo kugeza uyu mukino ku bana miliyoni 700 aho amashuri atandukanye ku Isi azahabwa imipira igera kuri miliyoni 11. Ku ruhande rw'u Rwanda, ruzabona imipira ibihumbi 20 mu mashuri asaga ibihumbi 4.

Uretse imipira, buri shyirahamwe rizahabwa ubufasha bwo gutegura amarushanwa y'amashuri no guhura abatoza ndetse biteganyijwe ko FERWAFA izagenerwa na FIFA ibihumbi 50 by'amadorali y'Amerika ni ukuvuga miliyoni zisaga 50 z'amafaranga y'u Rwanda.







# Perezida Kagame na Infantino bafunguye ku mugaragaro Kigali Pele Stadium

Taliki 15 Werurwe 2023, Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame na Perezida wa, Gianni Infantino bafunguye ku mugaragaro Kigali Pelé Stadium yahoze yitwa Sitade ya Kigali Nyamirambo.

Mu muhango wo gufungura ku mugaragaro iyi Sitade habaye umukino wahuje amakipe y'abakanyujijeho aho imwe yari irimo Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame indi irimo Perezida wa FIFA, Gianni Infantino.

Iyi Sitade yatangiye kuvugururwa muri Mutarama 2023 yahawe izina "Pele" nk'uko byasabwe na Perezida wa FIFA mu rwego rwo guha icyubahiro umunyabigwi ukomoka muri Brazil, Edson Arantes do Nascimento "Pelé" wapfuye taliki 29 Ukuboza 2022.















# Madamu Jeannette Kagame yasuye ishuri ry'umupira w'amaguru rya Jimmy Mulisa

Taliki 14 Werurwe 2023, Madamu Jeannette Kagame ari kumwe n'umugore wa Perezida wa FIFA, Leena Infantino, abakanyujijeho batandukanye basuye "Umuri Foundation", ishuri ry'umupira w'amaguru ryashinzwe na Jimmy Mulisa wakiniye ikipe y'u Rwanda "Amavubi".

Ni igikorwa cyabereye ku i Rebero mu Karere ka Kicukiro. Abana bo muri Umuri Foundation bishimiye kubona abanyabigwi batandukanye mu mupira w'amaguru barimo Khalilou Fadiga (Senegal), Portia Modise, Lucas Radebe (Afurika y'Epfo), Asamoah Gyan, Kwadwo Asamoah (Ghana), Houssine Kharja (Maroc), Perpetua Nkwocha, Pierre Webo (Nigeria), Maia Jackman (Nouvelle Zélande), Wes Brown (England) na Cafu (Brazil).

Umuri Foundation ni irerero riteza imbere siporo y'abana ryashinzwe na Mulisa Jimmy mu 2018.








# Badminton: Hatangijwe ku mugaragaro ibikorwa bya RBSF

Taliki 18 Gicurasi 2023 ni bwo hatangijwe ku mugaragaro ibikorwa by'ishyirahamwe ry'umukino wa Badminton mu Rwanda (Rwanda Badminton Sports Federation "RBSF"). Uyu muhango wabereye mu Nzu y'urubyiruko ku Kimisagara.

RBSF yatangije ibikorwa byayo ku mugaragaro nyuma y'aho muri Mutarama 2023 mu nama y'Inteko Rusange ngaruka mwaka isanzwe ya Komite Olempike y'u Rwanda ari bwo yakiriwe inemezwa nk'umunyamuryango mushya.

Perezida wa RBSF, Muhama Alphonse yavuze hari byinshi byangirikaga kubera kutabona uko bakina uyu mukino ariko imbaraga zigiye kwiyongera ndetse n'umusaruro ukagaragara.

Mu ntego yamukuru, RBSF ifite ni ugushyira imbaraga mu guteza imbere uyu mukino mashuri mu ngeri zose ku bahungu n'abakobwa ndetse no mu cyiciro cy'abantu bafite ubumuga.

Ibigo bigiye guherwaho ni ibyo mu Mujyi wa Kigali n'ahandi hatandukanye mu Ntara zose.







# **Amputee Football :** Hatangijwe gahunda yo guteza imbere uyu mukino mu cyiciro cy'abagore

Taliki ya 16 Werurwe 2023, kuri Kigali Pelé Stadium i Nyamirambo habereye umuhango wo gutangiza ku mugaragaro gahunda igamije kuzamura umupira w'amaguru w'abantu bafite ubumuga mu cyiciro cy'abagore ku Isi "Amputee Football Women Program".

Iyi gahunda yitabiriwe na bamwe mu bari bitabiriye Kongere ya 73 ya FIFA yabereye mu Rwanda. Perezida wa FIFA, Gianni Infantino, Umuyobozi Mukuru mu ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru w'abantu bafite ubumuga "WAFF", George Schlachtenberger, Umunyamabanga Mukuru wa FIFA, Fatma Samoura, Minisitiri wa Siporo Munyangaju Aurore Mimosa.

Hari Marcin Oleksy ukomoka muri Pologne akaba akina Amputee Football akaba yarahawe igihembo na FIFA nk'uwatsinze igitego cyiza "FIFA Puskas Award 2023". Mu bandi banyabigwi bitabiriye iki gikorwa hari Houssine Kharja na Youri Djorkaeff.

Ku ruhande rw'ishyirahamwe ry'imikino y'abantu bafite ubumuga mu Rwanda "NPC-Rwanda" hari Umunyamabanga Mukuru, Dr. Mutangana Dieudonné na Perezida w'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru w'abantu bafite ubumuga mu Rwanda "RAFA", Rugwiro Audace.

Mu gutangiza iyi gahunda habaye n'imikino mu cyiciro cy'abagabo yari irimo abanyabigwi ndetse haba n'umukino mu cyiciro cy'abagore aho ikipe ya Nyarugenge yatsinze Musanze igitego 1-0.

Umupira w'amaguru w'abantu bafite ubumuga "Amputee Football" wari usanzwe ukinwa mu bagabo. Mu bagore watangijwe muri 2021 aho ubu hakinwa na shampiyona ndetse uyu mwaka w'imikino wa 2022-2023 amakipe 4 ari yo yitabiriye shampiyona ari yo Musanze, Rubavu, Nyarugenge na Nyanza.















# Hatangajwe ba kapiteni b'amakipe azakina igikombe cy'Isi cy'abakanyujijeho

Taliki 17 Werurwe 2023, muri Kaminuza ya Kepler i Kinyinya mu Mujyi wa Kigali hatangarijwe ba kapiteni 8 bazayobora amakipe azakina igikombe cy'Isi cy'abakanyujijeho kizabera mu Rwanda muri 2024 "Veterans Clubs World Championship 2024".

Iki gikombe cy'Isi kirimo gutegurwe n'ishyirahamwe ry'imikino y'abakanyujijeho "FIFVE" kizitabirwa n'abakinnyi barenga 150 bari mu makipe umunani arimo atatu yo muri Afurika, abiri azava i Burayi, Azia na Oceania.

Abakapiteni batoranyijwe bazaba bayoboye amakipe umunani ni Jimmy Gatete wakiniye ikipe y'u Rwanda "Amavubi" uzaba uyoboye imwe mu makipe y'Afurika, Robert Pires (France) wakiniye Arsenal, Patrick M'Boma (Cameroon), Maicon Douglas (Brazil), Wael Kamel Gomaa (Misiri), Tsuneyasu Miyamoto (Japan), Gaizka Mendieta (Espagne) na Charmaine Elizabeth Hooper (Canada).

Nyuma y'iki gikorwa cyo gutoranya ba kapiteni habaye umuhango wo kwakira aba bakanyujijeho wabereye muri Kigali Convention Centre aho hagurukijwe za "Drones " 120 mu kirere cyo hejuru ya KCC hiyanditsemo amagambo atandukanye arimo "VCWC" (Veteran Clubs World Championship", "Home of Legends", "FERWAFA", "Visit Rwanda", "D-420" igaragaza iminsi isigaye ngo irushanwa rikinwe na "MAY 2024" yerekana ukwezi rizaberamo.

Taliki 20 Werurwe 2023, ishyirahamwe ry'imikino y'abakanyujijeho "FIFVE" ryasinye amasezerano y'ubufatanye n'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda "RDB" ndetse n'umujyi wa Kigali uzakira imikino y'igikombe cy'Isi cy'abakanyujijeho.

Aba bakapiteni batangajwe buri wese azatoranya abakinnyi bazaba bagize ikipe ye bikaba biteganyijwe ko umuhango wo gutangaza amakipe uzabera Abidjan muri Côte d'Ivoire muri Gashyantare 2024 mu gihe biteganyijwe ko irushanwa rizakinwa taliki 10 kugeza 20 Gicurasi 2024.

















## **Basketball :** REG BBC iri mu makipe 4 azakina imikino ya nyuma ya BAL 2023

Taliki 11 kugeza 21 Werurwe 2023 i Dakar muri Senegal habereye imikino y'amajonjora yo mu itsinda A "Sahara Conference" mu mikino y'Afurika "Basketball Africa League (BAL 2023)". Iri tsinda rikaba ryari rigizwe na ABC Fighters (Côte d'Ivoire), AS Douanes (Senegal), Kwara Falcons (Nigeria), REG BBC (Rwanda), Stade Malien (Mali) na US Monastir (Tunisia).

Nyuma y'imikino y'umunsi wa nyuma, ikipe ya Stade Malien (Mali), AS Douanes (Senegal), REG BBC (Rwanda) na ABC Fighters (Cote d'Ivoire) yabonye itike yo kuzakina imikino ya nyuma ya BAL 2023 izabera i Kigali muri Gicurasi 2023.

Aya makipe 6 yakinnye hagati yayo maze ikipe ya Stade Malien isoza iyoboye urutonde ikurikiwe na AS Douanes, REG BBC ku mwanya wa 3, ABC Fighters ku mwanya wa 4, ku mwanya wa 5 hasoreje US Monastir naho ikipe ya Kwara Falcons isoreza ku mwanya wa nyuma wa 6. Aya makipe 5 akaba yose yaratsinze imikino 3 atsindwa 2.

Amakipe 4 ya mbere, Stade Malien, AS Douanes, REG BBC na ABC Fighters ni yo yabonye itike yo gukomeza mu cyiciro cy'imikino ya nyuma "BAL Playoffs & Finals" izabera i Kigali taliki 21 kugeza 27 Gicurasi 2023.

Ikipe ya US Monastir yabaye iya kabiri ubwo BAL yakinwaga ku nshuro ya mbere muri 2021 ikegukana igikombe giheruka cya BAL 2022 nta bwo yashoboye kubona itike yo kuzakina iyi mikino ya nyuma.

Andi makipe 4 azakomeza mu cyiciro cya nyuma azamenyekana nyuma y'imikino y'amajonjora yo mu itsinda B "Nile Conference" izabera i Cairo mu Misiri kuva taliki 26 Mata kugeza 06 Gicurasi 2023. Amakipe 6 azahatanira imyanya 4 ni Al Ahly (Egypt), Cape Town Tigers (South Africa), City Oilers (Uganda), CFV Beira (Mozambique), Petro de Luanda (Angola) na SLAC (Guinea).




## **Volleyball :** Zawadi yatorewe kuba Visi Perezida wa FRVB

Taliki 18 Werurwe 2023 habaye inama y'intego idasanzwe y'ishyirahamwe ry'umukino wa Volleyball mu Rwanda "FRVB".

Muri iyi nama hatowe, Zawadi Geoffrey ku mwanya wa Visi Perezida wa kabiri ushinzwe amarushanwa asimbuye Bagirishya Jean de Dieu weguye muri Gicurasi 2022.

Zawadi akaba akora mu Kigo cy'igihugu gishinzwe ingufu "REG" aho uruhare mu gushinga ikipe ya REG VC ifite igikombe cya shampiyona giheruka.

Muri iyi nama hemejwe ko shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Volleyball mu bagabo n'abagore izatangira muri Mata 2023 ndetse n'uburyo izakinwamo.






# Cricket : Challengers CC yatangiye neza irushanwa "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023"

Ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ku bufatanye na Dafabet hateguwe irushanwa ry'amakipe y'icyiciro cya mbere mu bagabo "Dafabet RCA T10 Men's Tournament 2023".

Iri rushanwa ryatangiye taliki 18 Werurwe rikazasozwa 15 Mata 2023 ryitabiriwe n'amakipe 6 ari yo Challengers CC, Right Guards CC, Zonic Tigers CC, Kigali CC, Telugu Royals CC na IPRC Kigali CC. Aya makipe azakina hagati yayo hanyuma ikipe ya mbere n'iya kabiri zizahatanire igikombe. Imikino yose igomba kubera kuri Sitade Mpuzamahanga ya Gahanga.

**Uko imikino yagenze**

Ku munsi wa mbere taliki 18 Werurwe 2023 habaye imikino 3, ikipe ya Challengers CC yitwaye neza itsinda Right Guards CC, IPRC Kigali CC itsinda Zonic Tigers CC naho ikipe ya Telugu Royals CC itsinda Kigali CC.




Taliki 19 Werurwe 2023 habaye imikino y'umunsi wa kabiri, ikipe ya Zonic Tigers CC yatsinze Kigali CC, Challengers CC itsinda IPRC Kigali CC naho ikipe ya Right Guards CC itsinda Telugu Royals CC.




Nyuma y'iyi mikino, ikipe ya Challengers CC ni yo iyoboye urutonde n'amanota 4 ikurikiwe na Right Guards CC, IPRC Kigali CC, Zonic Tigers CC, Telugu Royals CC zifite amanota 2 naho ikipe ya Kigali CC ikaba iri ku mwanya wa nyuma wa 6 aho nta nota na rimwe ifite.

League Matches (League Matches)

| # | Team | Mat | Won | Lost | Drawn | Tied | N/R | NRR | For | Against | Pts | Last 5 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Challengers CC | 2 | 2 | 0 | 0 | 0 | 0 | 1.111 | 188/18 | 168/18 | 4 | W-W |
| 2 | Right Guards CC | 2 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 | 0.611 | 152/18 | 141/18 | 2 | L-W |
| 3 | IPRC Kigali CC | 2 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 | -0.055 | 153/18.2 | 168/20 | 2 | W-L |
| 4 | Zonic Tigers CC | 2 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 | -0.127 | 124/20 | 116/18.2 | 2 | L-W |
| 5 | Telugu Royals CC | 2 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 | -0.450 | 138/20 | 147/20 | 2 | W-L |
| 6 | Kigali Cricket Club. | 2 | 0 | 2 | 0 | 0 | 0 | -0.750 | 126/20 | 141/20 | 0 | L-L |

Imikino izakomeza mu mpera z'iki Cyumweru, taliki 26 Werurwe 2023 aho ikipe ya Kigali CC izakina na IPRC Kigali CC (9h00), Zonic Tigers CC ikine na Right Guards CC (11h30) naho ikipe ya Telugu Royals CC ikine na Challengers CC (13h45).









# Beach Tennis : Muhire na Habimana bitabiriye irushanwa mpuzamahanga muri Kenya

Abakinnyi babiri b'Abanyarwanda bakina Tennis yo ku mucanga "Beach Tennis", Muhire Joshua na Habimana Valens bitabiriye irushanwa mpuzamahanga ryaberaga muri Kenya "ITF BT10 Ocean Blue", taliki 18 na 19 Werurwe 2023.

Iri rushanwa ryari ribaye ku nshuro ya mbere mu bihugu byo mu Karere k'Afurika y'Iburasirazuba ryatanze amanota ku rutonde rw'ishyirahamwe ry'umukino wa Tennis ku Isi "ITF".

Abakinnyi 32 ni bo bitabiriye bakaba bari bavuye mu bihugu birimo u Rwanda, Espagne, Uganda, Tanzania, Sudani na Kenya. Muri iri rushanwa, Muhire Joshua na Habimana Valens bageze muri ½ byo mu byiciro bibiri harimo icyiciro cyakinwe taliki 18 Werurwe 2023 n'ikindi cyakinwe taliki ya 19 Werurwe 2023.

Nyuma y'iri rushanwa, aba bakinnyi bombi Muhire na Habimana babaye abakinnyi ba mbere b'Abanyarwanda bagiye ku rutonde rwa ITF-ATP Ranking.

Gushyirwa ku rutonde rwa ITF-ATP, aba bakinnyi babikesheje amanota 5 babonye mu cyiciro cya mbere cy' irushanwa bakinnye taliki ya 18 Werurwe 2023, n'amanota 5 babonye taliki ya 19 Werurwe 2023.

Mu cyiciro cy'irushanwa ryakinwe taliki 19 Werurwe 2023, muri ½ cy'irangiza, Muhire na Habimana bakuwemo n'ikipe ya Navas Borja (Espagne) ufatanya na Mouhamed Fazal (Kenya) bakaba bafite umudali w'Umuringa ku rwego rw'Afurika.

Muri rusange amakipe yageze ku mukino wa nyuma, iya mbere ihabwa amanota 10, iya kabiri igahabwa 7 naho ikipe yavuyemo itsinze umukino umwe ikabona inota 1.

Umukino wa Beach Tennis watangijwe mu Rwanda muri 2019

Taliki ya 19 Ukuboza mu 2019, ishyirahamwe ry'umukino wa Tennis mu Rwanda "RTF" ryatangije uyu mukino, utangirira ku kibuga cyari inyuma ya Sitade Amahoro i Remera.

Ikibuga gikinirwaho uyu mukino kigizwe na metero 16 ku 8 kikaba kigabanyijemo kabiri mu gihe ibikoresho byifashishwa ari udupira dutandukanye n'utwo bakinisha Tennis isanzwe ndetse na raketi (Racket) zitandukanye.

Umugozi barenzaho agapira uba uri muri metero 1.7 uvuye hasi mu gihe uyu mukino ukinwa n'abakinnyi babiri nka "Beach Volleyball" cyangwa umwe kuri umwe, kubara amanota byo bikaba ari ibisanzwe.

Tennis yo ku mucanga "Beach Tennis" yatangiye gukinwa mu 1970 mu Butaliyani , aho kugeza ubu uyu mukino umaze kugera mu bihugu bisaga 50 ku Isi.





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave